REPUBULIKA Y'U RWANDA
MIJESCAFOP
C.F.J. Ndago
KOMINI MUBUGA
SUPEREFEGITURA MUNINI
GIKONGORO

Ndago, ku wa 6/3/1999

A : ..................
Date arrivée : 15/3/99
N° Classement : 8401/21

Bwana GASHAGAZA Phocas
C/O C.F.J. Ndago
MUBUGA

Impamvu: Gusobanuza.

A classer

Bwana,

Nkwandikiye iyi baruwa ngusaba kudusobanurira ukuntu ukora ahantu habiri. Buri munsi ukorera i Kibeho mu byo "Amagufa" bigengwa n'ikigo cy'inzu Ndanga-murage gifite icyicaro i Butare kikaba kinaguhemba buri wa gatandatu .

Kuba ugera kuri C.F.J rimwe na rimwe saa sita ugahagarikira ihereza wava ku meza ukajya i Kibeho cyangwa ku Gasantere ka Ndago; abantu bose bari mu kazi mbona ntacyo byunguye igihugu twese twahagurukiye gusana, ni no gutatira abagutumye . Wakoze amahugurwa ku murimo wawe, uzi uko discipline mu kigo cy'abanyeshuri barara ikorwa; ku mugoroba naho uzi ko uboneka rimwe na rimwe, abarimu babajyamo ukabyita ko ngo bivanga mu mirimo yawe .

Naguhaye ibiro uvuga ko ngo uzakorera mu cyumba cyawe, ntugikoreramo yewe n'urufunguzo rw'inzu yo kuraramo uzi ko warwanze. Usibye icumbi mbona nta kindi umariye ikigo cya C.F.J. Ndago, erekana aho ukora bizatuma ugabanya amagambo utekane .

Ntegereje igisubizo cyawe, ugire amahoro .

Umuyobozi wa C.F.J.Ndago
Sr Raphaël Maria M.NTAGARA.

Bimenyeshejwe:
-Minisitiri w'Urubyiruko,siporo,umuco no kwigisha imyuga iciriritse. ✓
-Diregiteri w'imyigishirize y'imyuga iciriritse.
-Umuhuza-bikorwa w'umushinga APTACS.
-Ibiro bishinzwe inyigisho z'imyuga iciriritse.
-Umukuru wa Jandarumori muri Komini Mubuga.
-Burugumestri wa Komini Mubuga.